# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

NO .E-24 | TARIKI 29 NYAKANGA-04 KANAMA 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw


Kwibohora INTAMBWE MU NTEGO 31


AMAKURU

Guverinoma yemeje ibiciro byo gupimisha ibyuka by'ibinyabiziga byangiza ikirere



2

AMAKURU

U Rwanda na RDC byashyizeho amahame y'imikoranire mu bukungu



4

MU NTARA

Ngoma: Ikorwa ry'umuhanda Ngoma- Bugesera ryahaye abaturage akazi



10-11

SIPORO

APR FC izakina na Power Dynamos ku 'Umunsi w'Igitinyiro'



19


# Kigali ni iwanyu- Perezida Kagame abwira Masai Ujiri na Kawhi Leonard

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, yashimiye Masai Ujiri washinze Giants of Africa na Kawhi Leonard wamamaye muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika akaba akinira ikipe ya Los Angeles Clippers, bakomeje gushyira imbaraga mu guteza imbere siporo mu Rwanda by'umwihariko umukino wa basketball.***

Perezida Kagame yabigarutseho kuri iki Cyumweru tariki ya 3 Kanama 2025, ubwo yasuraga umwiherero w'urubyiruko 50 rutozwa basketball (youth) kuri Club Rafiki mu Mujyi wa Kigali, wateguwe na Kawhi Leonard.

KOMEZA KU RUP.3



Perezida Kagame, Kawhi, Masai n'abandi bishimanye n'abana bato barimo gutozwa basketball

## Kaminuza y'Ubuvuzi AHSU, yahawe ubutaka bwo kubakaho ishuri ryigisha ubuvuzi mu Rwanda




INKURU KU RUP.2

## Ifaranga koranabuhanga (CBDC) rizakora nk'andi mafaranga- BNR

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) yamaze abaturarwanda impungenge, ibizeza ko ifaranga koranabuhanga rikiri mu nyigo iteganya gutanga (Central Bank Digital Currency/CBDC), rizaba rishobora gukoreshwa nk'andi mafaranga afatika.***

Itandukaniro ry'iryo faranga rya CBDC n'andi mafaranga koranabuhanga azwi nka "cryptocurrency" ni uko ryo rizaba rigengwa na BNR kandi agaciro karyo kadahindagurika nk'uko bigenda ku yandi atagenzurwa na Banki z'Ibihugu.

Mu kiganiro cyatambutse kuri RBA kuri iki Cyumweru, umwe mu bakozi ba BNR Mugiraneza Serge, yagize ati: "CBDC ni ifaranga ryubakiye ku ikoranabuhanga ariko ritangwa na Banki Nkuru y'Igihugu.

KOMEZA KU RUP.3

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# Guverinoma yemeje ibiciro byo gupimisha ibyuka by'ib-inyabiziga byangiza ikirere

ZIGAMA Theoneste

***Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa Gatatu, tariki ya 30 Nyakanga, yemeje iteka rya Minisitiri rigena amafaranga y'ipimwa ry'imyuka ihumanya ikirere, iva mu binyabiziga bidakoresha amashanyarazi, harimo na moto.***

Iri teka rya Minisitiri w'Ibidukikije rigamije kuzamura ireme ry'ubwiza bw'ikirere no kurinda ubuzima bw'abaturage.

Rigamije kongerera imbaraga ishyirwa mu bikorwa ry'amabwiriza y'igihugu yo gushyira mu bikorwa amabwiriza y'ubuziranenge yo kugabanya imyuka ihumanya ikirere no guteza imbere ibidukikije n'ubuzima rusange bw'Abanyarwanda.

Ku itariki ya 24 Nyakanga, Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Kurengera Ibidukikije (REMA), kibinyujije ku rubuga rwa X, cyatangaje ko gahunda yo gupima imyuka iva mu binyabiziga ari nshya izaba igize igikorwa kiri imbere cyo kurwanya ihumanya ry'ikirere.

Gupima iyi myuka bizajya bikorerwa rimwe n'isuzuma risanzwe ry'imiterere y'imodoka, hakurikijwe uburyo imodoka ikoreshwa.

Ibinyabiziga bikora ubucuruzi bizajya bipimwa kabiri mu mwaka, mu gihe ibikoreshwa n'umuntu ku giti cye bizajya bipimwa rimwe mu mwaka.

Gushyira ibikoresho bipima iyi myuka mu bigo bisanzwe bisuzuma imodoka byaratangiye, ku wa 24 Kamena, REMA yatangaje ko ishyirwa mu bikorwa ry'iyo gahunda rizatangira mu gihe kitarenze ukwezi.

### Amafaranga azishyurwa hakurikijwe ibyiciro by'ib-inyabiziga

Gusaba gusuzumisha ikinyabiziga bizajya bikorerwa ku Irembo nk'uko bisanzwe ariko mu buryo bubiri, kuko umuntu uvuye gusuzumisha ikinyabiziga azajya ahabwa ibyemezo bibiri.

Moto izajya yishyura 16 638 Frw. Mu gihe itabashije kubona icyemezo kubera imyuka myinshi ihumanya, umuntu azaba yemerewe kujya gukosoza ibyo bibazo agasubira gupimisha mu byumweru bibiri uhereye igihe isuzuma ryabereye. Icyo gihe azajya yishyura 8 319 Frw.

Imodoka zakorewe gutwara abantu zitarengeje uburemere bwa toni eshatu n'igice kandi zifite imyanya itarenga umunani yo kwicarwamo, hatabariwemo uw'umuyobozi, zo zizajya zishyura 34 940 Frw.

Mu gihe ikinyabiziga kitabonye uruhushya, gisubirayo nyuma y'ibyumweru bibiri nyiracyo akishyura 17 470 Frw.

Imodoka itwara abantu bava ku icyenda kuzamura ariko itarengeje 18 hatabariwemo umuyobozi w'ikinyabiziga, itwara imizigo irengeje toni imwe n'igice ariko itarenze toni eshatu n'igice hamwe n'itwara imizigo iri hejuru ya toni eshatu n'igice ariko itarengeje toni eshanu yishyura 51 578 Frw. Iyo isubiye gukosoza yishyura 25 789 Frw.

Ibi ni kimwe no ku modoka itwara abantu barenga 18 kuzamura ariko itarengeje 30 hatabariwemo umuyobozi w'ikinyabiziga, itwara imizigo iri hejuru ya toni eshanu ariko itarengeje toni zirindwi, itwara abantu barenga 30 n'itwara imizigo ariko itarengeje toni eshanu yishyura 51 578 Frw. Iyo isubiye gukosoza yishyura 25 789 Frw.

Ibi ni kimwe no ku modoka itwara abantu barenga 18 kuzamura ariko itarengeje 30 hatabariwemo umuyobozi w'ikinyabiziga, itwara imizigo iri hejuru ya toni eshanu ariko itarengeje toni zirindwi, itwara abantu barenga 30 n'itwara imizigo irengeje toni zirindwi.


Ibindi binyabiziga bikoresha moteri bikora mu mirimo itandukanye bizajya byishyura 49 914 Frw, byajya gukosoza bikishyura 24 957 Frw.

Ayo mafaranga ni yo gusuzumisha imyuka, gusuzumisha ubuziranenge bw'ikinyabiziga bizakomeza kwishyurwa nk'uko bisanzwe.

Iyi gahunda izatangira gushyirwa mu bikorwa mu ntangiriro za Nzeri 2025.

Imibare igaragaza ko mu Rwanda, moto zihariye 47% mu binyabiziga bisohora imyuka ihumanya ikirere, ari nabyo byatumye hatangira gushyirwaho ingamba zo gushishikariza abantu gukoresha moto zidakoresha lisansi ahubwo zikoresha amashanyarazi.


Ibiciro byo gupimisha ibyuka by'ibinyabiziga byangiza ikirere byamenyekanye



Kaminuza y'Ubuvuzi AHSU yahawe ubutaka bwo kubakaho ishuri ry'ubuvuzi mu Rwanda

## Kaminuza y'Ubuvuzi AHSU, yahawe ubutaka bwo kubakaho ishuri ryigisha ubuvuzi mu Rwanda

SHENA Ivan

***Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa Gatatu tariki ya 30 Nyakanga 2025, yemeje itangwa ry'ubutaka kuri Kaminuza y'Ubuvuzi AHSU (Africa Health Sciences University) yigisha ibijyanye no gutera ikinya, kuvura indembe, kubaga abantu, ubuvuzi bw'indwara z'imbere mu mubiri, ubw'ababyeyi n'ubw'abana.***

Iyi Kaminuza yatangijwe mu bitaro byitiriwe Umwami Faisal biturutse kuri gahunda ya Minisiteri y'Ubuzima yo kongera umubare w'abakora mu rwego rw'ubuvuzi izwi nka '4X4 igamije gukuba kane umubare w'abakora muri urwo rwego.

Iteka ryashyizweho muri Mata 2024, ryemerera AHSU gutanga inyigisho z'icyiciro cya gatatu cya kaminuza 'Masters' mu gutera ikinya, kuvura indembe; kubaga abantu; ubuvuzi bw'indwara z'imbere mu mubiri; ubuvuzi bw'ababyeyi n'ubuvuzi bw'abana.

Hari kandi gutanga amasomo arebana n'ibijyanye na farumasi, ubuforomo, ububyaza, gusuzuma hakoreshejwe Radio no gukora muri laboratwari.

Ku ikubitiro iyi Kaminuza yatangiranye n'abanyeshuri 40 batoranyijwe mu barenga 1200 bari basabye kuyigamo bagiye kwiga icyiciro cya kabiri cya kaminuza.

Abiga muri Africa Health Sciences University biga umwaka wa mbere mu ishuri, indi myaka ikurikiyeho amasomo agakomereza mu bitaro bitandukanye birimo ibya Kacyiru, Nyarugenge, Muhima n'Ibitaro byitiriwe Umwami Faisal.





# Kigali ni iwanyu- Perezida Kagame abwira Masai Ujiri na Kawhi Leonard

IBIKURIKIRA URUP.1

Urubyiruko rw'u Rwanda rwungukiye byinshi muri uwo mwiherero harimo kurushaho kunoza ubumenyi n'ubuhanga mu mukino wa basketball, kwiga amayeri agezweho y'uwo mukino ndetse no kurushaho gusobanukirwa aho iyo siporo ihurira n'izindi siporo.

Abo bana b'u Rwanda bagize amahirwe yo gutozwa na Kawhi kimwe n'abatoza b'abanyamwuga kandi bafite ubunararibonye buhambaye, bagira amahirwe yo kwibonera no kuganira n'abakinnyi b'ibyamamare muri basketball haba mu Rwanda ndetse no ku Isi.

Perezida Kagame yatangiye ashimira Kawhi wahuje aba bana akanabafasha kurushaho kwagura impano bifitemo, ati: "Ni ikintu gikomeye cyane kuri bo no kuri twe."

Yakomeje agira ati: "Turimo kugerageza gushora imari mu rubyiruko rwacu kugira ngo rwishakemo ibyo rukwiye gukora mu buzima barwo, ikindi bakabikora neza cyane uko bashoboye. Kandi bimwe muri ibyo bintu biboneka muri siporo zitandukanye ariko by'umwihariko muri basketball."

Yakomeje ashimira Masai Ujiri wateguye ibikorwa binyuranye biteza imbere umukino wa Siporo mu Rwanda, ati: "Ndibuka ko mu myaka 15 ishize twari hano ari na bwo byatangiye, kandi uburyo byagiye bikura umunsi ku munsi, umwaka ku wundi, birashimishije cyane."

Yavuze ko ibikorwa byabo


Perezida Paul Kagame yahaye ikaze Masai Ujiri na Kawhi Leonard, ababwira ko mu Rwanda ari iwabo

byatanze umusaruro ku bana bakiri bato batagira ingano mu gihugu.

Aho ni ho yahereye ashimira ikipe ihagarariwe na Masai Ujiri ndetse na Kawhi Leonard ku bw'imbaraga bashyize mu guharanira ko imishinga yabo yo guteza imbere umukino wa Basketball itanga umusaruro mu Rwanda no muri Afurika.

Yaboneyeho kubibutsa ko u Rwanda ari iwabo ha kabiri, ko igihe nikigera bazaza bakahatura.

Ati: "Ikindi kandi mumenye ko kuri buri wese uri hano mu Rwanda, Kigali ari iwanyu. Ni ikibazo cy'igihe muzakenera gutura hano, ariko tubahaye ikaze kandi turabashimira, kandi twizeye ko tuzakomeza kubona ibindi bikorwa nk'ibi biba."

Kawhi Leonard yageze i Kigali mu Rwanda ku wa Kane tariki ya 31 Nyakanga, aho yaje kwitabira ibikorwa binyuranye bikubiye mu iserukiramuco nyafurika 'Giants of Africa' ryahereye kuri uwo munsi yajeho kugeza ku wa Gatandatu tariki ya 2 Kanama.

Ku wa Gatanu Kawhi ni bwo yasuye urubyiruko 320 rwaturutse mu bihugu 20 bya Afurika rwitabiriye amarushanwa ya Giants of Afurika.

Uretse gutoza urubyiruko ruri mu mwiherero kuri Club Rafiki no gusura urwitabiriye shampiyona, Kawhi yanagize uruhare mu mukino wahuje ibyamamare byitabiriye iserukiramuco ndetse anitabira umuhango wo gutaha ikibuga cya Basketball i Kibagabaga.

# Ifaranga koranabuhanga (CBDC) rizakora nk'andi mafaranga- BNR

IBIKURIKIRA URUP.1

Ni ukuvuga ngo riragengwa, agaciro karyo n'uburyo rikoreshwa, bitandukanye na 'cryptocurrency' itagenzurwa na banki nkuru. Agaciro k'andi mafaranga yo ku ikoranabuhanga karahindagurika, ikindi kandi mu bihugu bimwe na bimwe ntabwo yemewe gukoreshwa."

Yakomeje ashimangira ko ifaranga koranabuhanga rizashyirwaho na BNR rizaba ryuzuzanya n'asanzwe akoreshwa mu Gihugu kugira ngo rikemure ibibazo bimwe na bimwe byari biri mu rwego rw'imari ariko rihuza neza na Politiki y'ubukungu mu Rwanda.

Bivugwa kandi ko iryo faranga koranabuhanga rizaba ryujuje



Ifaranga koranabuhanga ryitezweho inyungu kandi rizaba rishobora gukoreshwa nk'andi mafaranga afatika

ibisabwa byose kugira ngo ryitwe ifaranga ry'Igihugu ryemewe mu kwishyura no kugura serivisi, kandi rikaba rishobora gukoreshwa n'uwo ari we wese.

Cyuzuzo Ingrid, Umuyobozi ushinzwe iterambere ry'imari n'udushya muri BNR, yavuze ko bakomeje kureba ibishoboka byose kugira ngo iri faranga koranabuhanga rizabe ryujuje ibisabwa byose haba mu buryo bwa tekiniki, ubw'amategeko, umutekano waryo n'ibindi.

Kuri ubu harimo gukorwa inyigo igamije gukuraho imbogamizi yose yatuma uyu mushinga udashoboka kandi witezweho kugirira akamaro abantu bose.

Ati: "Inyigo turimo gukora ntabwo turi kureba ku ikoranabuhanga gusa cyangwa ngo iri faranga mu bigaragara byakunda, ariko hari n'ibindi bisabwa kugira ngo umuntu abe yakora umushinga nk'uyu w'ifaranga rizakoreshwa n'abantu bose."

Ubuyobozi bwa BNR buhamya ko ubwo buryo butazaza gusimbura ubwari busanzwe bukoresha mu ikoranabuhanga nka Mobile Money, gukoresha amakarita no gukoresha internet, ahubwo rizaba rizanye inyungu zitari zisanzwe.

Ati: "Kubasha kwishyurana ahantu hatari internet, ndetse n'ubundi nk'uko uyu munsi twishyuranaga inoti ku noti, uyu munsi iryo faranga rifite ubushobozi bwo kuduha izo nyungu."

Biteganywa ko mu kwezi k'Ukwakira 2025 ingingo zose zirebwa n'iryo koranabuhanga zizaba zarebweho kugira ngo ibyuho byagaragaramo bikemurwe mbere yo kurimurikira Abanyarwanda.

Ku wa 01 Kanama 2025, ni bwo Ubuyobozi bwa BNR bwatangaje ko uyu mushinga wo gutangira gukoresha ifaranga koranabuhanga wageze mu kindi cyiciro cyo kurigerageza ku kigero gito no kwakira ibitekerezo by'abari mu rwego rw'imari.

Byitezwe ko iryo faranga rizajya riherererekanywa kuri telefoni binyuze muri application, gukanda akanyenyeri (USSD), ndetse hakabaho n'ikarita umuntu yakoresha n'ahatari ihuzanzira rya internet.

# U Rwanda na RDC byashyizeho amahame y'imikoranire mu bukungu

ZIGAMA Theoneste

***Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika (USA) yashyize ahagaragara inyandiko nshya igaragaza ingingo zitandukanye z'urwego rw'ubukungu aho u Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo bifite umugambi wo gufatanya mu iterambere.***

Ni bimwe mu byemejwe mu itangazo ry'amahame ku masezerano y'amahoro byasinywe tariki ya 27 Kamena 2025.

Mu itangazo USA yashyize ahagaragara tariki ya 1 Nyakanga 2025, yashimangiye ko ibihugu byombi bifite gahunda yo kugira imikoranire ihamye kandi ibyara inyungu ku mpande zombi, mu mushinga wagutse wo guteza imbere Akarere no hanze yako binyuze muri gahunda z'iterambere no mu mahirwe y'ishoramari ahari.

Izo nzego zikorwamo ishoramari harimo ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, ibikorwa remezo, ingufu n'iterambere, urwego rw'inganda, ubuhinzi buteye imbere, ubuzima, guteza imbere ubukerarugendo binyuze muri Pariki z'Ibihugu n'izindi nzego z'ubufatanye.

Ni mu mushinga wagutse wo guteza imbere ubufatanye mu iterambere ry'ubukungu mu Karere (Regional Economic Integration Framework (REIF), nk'imwe mu ngingo zagarutsweho ubwo hasinywaga itangazo ry'amahame ku masezerano y'amahoro, yasinyiwe i Washington D.C tariki ya 27 Kamena 2025.

Mu itangazo ryayo ryo ku wa 1 Kanama, Leta ya Amerika yavuze ko u Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo bazagena uburyo bwo guhuza ibikorwa mu rwego rwo gutegura no gushyira mu bikorwa gahunda ya REIF, kandi yemeza ko ibi bizakorwa hubahirizwa "ubusugire, amategeko n'amabwiriza y'igihugu cyose."

**Ibyitezwe muri REIF**

Ubufatanye n'uruhare rwuzuzanya mu rwego rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, Amerika ivuga ko ibi bihugu byombi bihana imbibi bigamije kubakiraho, mu rwego rwo guteza imbere uburyo buringaniye kandi burambye bw'ubufatanye mu bukungu bugamije gushyigikira ibikorwa byemewe n'amategeko by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.


Ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro buri mu bizitabwaho nk'urwego rukorwamo ishoramari

Kubera iyo mpamvu, banagamije gukomeza no guteza imbere uruhererekane rw'agaciro mu karere no gutunganya ibikorwa remezo bishya no kubibungabunga mu buryo burambye, cyane cyane ibijyanye n'ubwikorezi n'ingufu.

Nk'uko itangazo ribivuga, ibihugu byombi byihaye intego yo kurwanya no kuvanaho buhoro buhoro ibikorwa bitemewe bijyanye no gucukura, gucuruza, kwimura no gutunganya amabuye y'agaciro, kuko bigira ingaruka ku mahoro, umutekano n'imiyoborere myiza mu karere.

Riti: "Abitabiriye (u Rwanda na DR Congo) bagamije guteza imbere ubukungu bw'akarere bushingiye ku mahame, ubunyamwuga n'umusaruro, cyane cyane ku bijyanye n'uruhererekane rw'amabuye, rufitiye inyungu abaturage b'amikoro make."

Buri gihugu cyanagaragaje ko abaturage bagomba kungukira mu nyungu ziva mu bucukuzi, gutunganya no gucuruza ayo mabuye.

### Ubufatanye mu rwego rw'ingufu

Gahunda ya REIF inagamije kongera umusaruro w'amashanyarazi no kuwugeza ku nganda n'abaturage, no kureba amahirwe yo gushyiraho isoko rusange ry'amashanyarazi hagati y'u Rwanda na DR Congo.

Ibihugu byombi bigamije gushyira imbere isozwa ry'icyiciro cy'ingenzi cy'imari ku mushinga wa Ruzizi III (financial close), ndetse no gukorera hamwe, mu buryo burambye, mu gukoresha gazi metani yo mu kiyaga cya Kivu mu kuyibyaza amashanyarazi no kuyakwirakwiza.

### Ubufatanye mu kubaka ibikorwa remezo

Ibikorwa remezo bifitiye inyungu impande zombi, cyane cyane iby'ubwikorezi, ibijyanye n'ubw'ibicuruzwa n'abantu, n'ibikorwa remezo by'itumanaho n'ikoranabuhanga (ICT), na byo biri mu by'ingenzi REIF izibandaho.

Ibihugu byombi kandi bigamije guteza imbere ibikorwa remezo by'ubwikorezi bw'abantu n'ibintu, ububiko bw'ibicuruzwa, ibyambu n'amasoko, ndetse no gukorana mu gukurura no gukoresha ishoramari ry'abikorera mu bikorwa remezo bifasha iterambere ry'ubukungu mu Karere k'Ibyaga Bigari."

### Ubufatanye mu bukerarugendo no gucunga pariki

Ubufatanye mu gushimangira ibikorwa byo kurinda pariki zambukiranya imipaka no gucunga neza ibidukikije hashingiwe ku bumenyi, na byo ni igice cy'ingenzi cya gahunda ya REIF.

Guverinoma z'u Rwanda na DRC zatangaje ko ziyemeje gutegura gahunda y'umutekano yambukiranya imipaka ku butaka buhuriweho, mu rwego rwo kunoza imikoranire n'ihuriro ryo kurwanya ibibazo biri muri pariki zombi, binyuze mu buhuza bw'inzego zishinzwe iyubahirizwa ry'amategeko no guhuza amategeko.

Banagaragaje umugambi wo gushyiraho ibidukikije byorohereza iterambere ry'ubukerarugendo burambye bwambukiranya imipaka, no gushyigikirana hagati yabo mu byerekeye ba rwiyemezamirimo b'ubukerarugendo.

Ubufatanye mu rwego rw'ubuzima rusangeIbihugu byombi byavuze ko bigamije gufatanya mu gukomeza ubufatanye bwambukiranya imipaka mu rwego rwo gukumira no kugenzura ikwirakwizwa ry'indwara no guteza imbere ubuzima rusange.

Aha, itangazo ryagaragaje ko Guverinoma z'ibihugu byombi zizashyira hamwe imbaraga mu duce tw'imipaka mu gukumira ibyorezo, indwara z'ibyorezo n'izindi ndwara, ndetse no gusuzuma amahirwe yo gusangira amakuru mu rwego rwo guteza imbere ubushakashatsi bw'ubuvuzi no gushaka amahirwe y'ubucuruzi abikomokaho.

U Rwanda na RDC kandi, tariki ya 31 Nyakanga byahuriye mu nama ya mbere y'urwego rushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'amahoro, yabereye i Washington.

Intumwa z'ibihugu byombi kandi zateguye indi nama iteganyijwe tariki ya 4 Kanama, izahuza abagize urwego ruhuriweho rw'umutekano ruzaba rushinzwe gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryo gusenya umutwe w'iterabwoba wa FDLR no gukuraho ingamba z'ubwirinzi u Rwanda rwashyizeho.

u Rwanda rwagaragaje ko rwiteguye neza gushyigikira icyo ari cyo cyose cyatuma amahoro mu Karere aboneka ndetse no guteza imbere ubukungu buhuriweho.

Ku rundi ruhande ariko Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'ubutwererane, Amb Olivier Jean Patrick Nduhungirehe aherutse kubwira Inteko Ishinga Amategeko ko u Rwanda ruzakomeza gushyiraho ingamba z'ubwirinzi mu gihe Leta ya Congo izakomeza gukorana n'umutwe wa FDLR ufite umugambi wo guhungabanya umutekano warwo nk'uko wakomeje kubigerageza mu bihe bitandukanye.





# U Rwanda rwavuze imyato Banki ya COMESA imaze imyaka 40

NTAWITONDA Jean Claude

***U Rwanda rwavuze imyato umusanzu w'iterambere wa Banki y'Ubucuruzi n'Iterambere (TDB Group) yizihiza isabukuru y'imyaka 40 imaze nk'Ishami ry'Umuryango w'Isoko Rusange ry'Ibihugu bya Afurika y'Iburasirazuba n'Amajyepfo (COMESA).***

Minisitiri w'Intebe Dr Nsengiyumva Justin, yashimye uruhare rukomeye rw'iyo banki mu gushyigikira ukwihuza kwa Afurika mu myaka 40 ishize, kuko yafashije lubaka ubucuruzi n'iterambere rihuriweho kandi rirambye.

Minisitiri w'Intebe yabikomojeho ubwo yafungurwga ku mugaragaro Inama Rusange ya 2025 ya TDB n'ibirori byo kwizihiza imyaka 40 imaze, iteraniye i Kigali mu Rwanda.

Yashimangiye ko iyi Banki ikomeje kuba ingenzi mu gushyigikira ishoramari rikenewe n'imishinga izana impinduka zigaragara cyane cyane mu guteza imbere ibikorwa remezo, ubuhinzi, n'ibigo bito n'iciriritse, nk'inkingi z'ingenzi zizafasha Afurika kugira ahazaza heza.

Ku rundi ruhande, Minisitiri w'Intebe Dr Nsengiyumva yahuye na Admassu Tadesse, Perezida akaba n'Umuyobozi Mukuru wa Banki y'Ubucuruzi n'Iterambere (TDB).

Minisitiri w'Intebe yamushimiye ku bw'isabukuru y'imyaka 40 Banki ya TDB imaze ishinzwe.

Abayobozi bombi bemeranyije kubakira ku bufatanye bumaze imyaka 40 mu rwego rwo gukomeza kubyaza umusaruro amahirwe ahari mu guteza imbere ubukungu bw'u Rwanda.

Banki y'Ubucuruzi n'Iterambere (TDB Group) yashinzwe ku wa 6 Ugushyingo 1985 hashingiwe ku ngingo ya Cyenda y'Amasezerano ashyiraho COMESA, u Rwanda rubereye uminyamuryango guhera mu mwaka wa 2004.

Kugeza mu mwaka wa 2022, iyi banki yari ifite umutungo wa miliyari zisaga 8 z'amadolari y'Amerika, aho yinjizaga miliyoni zisaga 130 z'amadolari y'Amerika buri mwaka.

Inshingano z'iyo banki ni ugushyigikira no kwimakaza ubucuruzi, ukwihuza k'ubukungu bw'Akarere ndetse no guharanira iterambere rya Afurika muri rusange.

TDB Group ni banki ifite amashami n'ishoramari rinyuranye haba mu gutanga serivisi z'amabanki, gucunga imitungo, ikigega cy'ubucuruzi n'iterambere (TDF), serivisi z'ubwishingizi (TCI), ikigo gicunga inkunga (ESATAL) n'Ishuri Rikuru (TDB Academy).

U Rwanda ruri mu bihugu 22 bifite ubunyamuryango bwa TDB Group, birimo 19 bibarizwa muri COMESA.

Iyi banki ifite icyicaro gikuru cyayo i Bujumbura mu Burundi, ikaba ifite n'ibindi biro i Nairobi muri Kenya, i Harare muri Zimbabwe, Addis Ababa muri Ethiopia, n'i Kinshasa muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).



U Rwanda rushima uruhare rukomeye rw'iyo banki mu gushyigikira ukwihuza kwa Afurika mu myaka 40 ishize


Igipimo cy'ubushomeri cyagabanyutseho 3.4%

# Ubushomeri bwagabanyutseho 3.4% mu 2025 ugereranyije n'umwaka ushize

KAMALIZA Agnes

***Ubushakashatsibw'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurushamibare, NISR ku miterere y'umurimo mu mwaka wa 2025, (LFS 2025 Q2) bwagaragaje ko igipimo cy'ubushomeri cyagabanyutseho 3.4% aho kiri ku kigero cya 13.4% ugereranyije na 16.8% cyariho mu 2024, (LFS 2024 Q2).***

Ubwo bushakashatsi bwashyizwe hanze ku wa 29 Nyakanga 2025, NISR igaragaza ko mu gihembwe cya kabiri cy'uyu mwaka abantu 5 mu 10 bafite imyaka yo gukora, ni ukuvuga imyaka 16 kuzamura bafite akazi kandi ko urwego rwa serivisi ari rwo rwiganje mu gutanga akazi ugereranyije n'izindi.

Ubushakashatsi bugaragaza ko muri Gicurasi 2025, abari mu kigero cy'imyaka yo gukora bari hafi miliyoni 8.5 muri bo, abafite akazi bari miliyoni 4.5, ibihumbi 710 ari abashomeri mu gihe miliyoni 3.2 muri bo badafite akazi ndetse batari no kugashakisha.

Igipimo cy'abaturage bafite akazi, (Employment-to-Population Ratio, EPR) cyarazamutse kigera kuri 53.8% muri Gicurasi 2025, kivuye kuri 52.0% muri Gicurasi 2024.

NISR igaragaza ko abagabo bafite akazi bari hejuru ugereranyije n'abagore aho bari kuri 61.7% mu gihe abagore ari 46.8%, naho abafite imyaka 31 kuzamura bikubiye imirimo ugereranyije n'urubyiruko aho bangana 57.4% mu gihe urubyiruko ruri hagati y'imyaka 16 na 30 ari 49.1%.

Umubare w'abagore b'abashomeri muri Gicurasi 2025 wari munini kurusha abagabo aho bari 15.3%, abagabo ari 11.8%, mu gihe igipimo cy'ubushomeri mu cyaro ari 13.3%, mu Mujyi kikaba 13.7%.

NISR igaragaza ko igipimo cy'abari mu mirimo muri rusange ariko badatanga umusaruro uko bikwiye kiyongereyeho 3.2% ugereranyije n'umwaka ushize aho ubu cyageze kuri 57.1%.

Abagore badatanga umusaruro ni bo bari hejuru ku kigero cya 64.3% ugereranyije n'abagabo bangana na 49.5%, mu gihe urubyiruko ari 57.2%, abakuze bakaba 57.0%.



Amashanyarazi akomeje kugezwa ku baturage

# Iburasirazuba: Ingo 217 560 zizagezwaho amashanyarazi mu 2029

**NYIRANEZA Judith**

***Imirimo yo gukwirakwiza amashanyarazi mu Ntara y'Iburasirazuba irarimbanyije, aho kugeza mu 2029, ingo 217,560 zizagezwamo amashanyarazi.***

Uretse izo ngo, hazubakwa ibilometero 1,237.46 by'imiyoboro iringaniye y'amashanyarazi (medium-voltage)

Ibilometero 3,311 by'imiyoboro mito y'amashanyarazi bizubakwa (low-voltage), hazashyirwaho transformers nshya 923 zizashyirwaho.

Ni umushinga ushyirwa mu bikorwa na Leta y'u Rwanda ku bufatanye na Banki y'Isi, Banki ya Asia y'iterambere mu bikorwa remezo (Asian Infrastructure Investment Bank) na Banki y'u Burayi ishinzwe ishoramari (European Investment Bank).

Ni umushinga urimo no gutanga amahirwe y'akazi no gushyigikira imibereho myiza, kandi ukaba urimo guhindura ubuzima bw'abaturage mu Ntara y'Iburasirazuba.

Imibare yatangajee na Banki y'Isi muri Nzeri 2024, yerekana ko abantu bagerwagaho n'umuriro w'amashanyarazi mu Rwanda mu 1991 bari 2,4%, barazamuka bagera kuri 6% mu 2009, naho mu 2023 basaga 74%.

Kugeza ubu u Rwanda rwagejeje amashanyarazi ku kigero cya 100% ku bigo nderabuzima n'inyubako z'ubuyobozi ku rwego rw'Akarere no ku kigero cya 84% by'amashuri n'abafite ibikorwa biyabyaza umusaruro Ari bo ba rwiyemezamirimo bato n'abaciriritse.

Sosiyete y'u Rwanda Ishinzwe Ingufu, REG igaragaza ko kugeza muri Mutarama 2024, ingo zingana na 21% by'abafite amashanyarazi zakoreshaga akomoka ku mirasire y'izuba, mu gihe 55% zo ari akomoka ku muyoboro mugari.

Ivuga kandi ko u Rwanda rutunganya amashanyarazi agera kuri Megawatt 383.4 zivuye kuri 276 mu 2022. Ni mu gihe mu 1994, igihugu cyatunganyaga Megawatt 36 naho amakusanyirizo y'amashanyarazi yo yari 13.

Minisiteri y'Ibikorwa Remezo igaragaza ko u Rwanda rufite intego yo kugeza amashanyarazi mu ngo n'ahari ibikorwa bibyara inyungu ku gipimo cya 100% mu 2030, aho muri yo 60% azaba akomoka ku ngufu zitangiza ibidukikije ziganjemo izikomoka ku mirasire y'izuba n'ingomero.

# Ubuhuza bwakemuye imanza 3 099, harimo iza miliyari 4Frw- Umuvugizi w'Inkiko

**ZIGAMA Theoneste**

***Umuvugizi w'Inkiko mu Rwanda, Mutabazi Harrison yatangaje ko mu mwaka w'Ubucamanza mu Rwanda wa 2024/2025, warangiye imanza 3 099 zikemuwe mu nzira y'ubuhuza, mu 2023/2024 ubuhuza bwakemuye izingana na 2 199, harimo eshanu muri zo zari zifite agaciro ka miliyari 4 z'amafaranga y'u Rwanda.***



Umuvugizi w'Inkiko mu Rwanda, Mutabazi Harrison yagaragaje uko ubuhuza bwakemuye imanza 3 099 mu 2024/2025

Ubuhuza ni uburyo bwo gukemura amakimbirane hatisunzwe inkiko, aho haba haregewe urubanza mu rukiko kugira ngo ubutabera buboneke ababuranyi bagahitamo ubuhuza bakumvikana uko ikibazo cyabo gikemuka babifashijwemo n'umwanditsi w'urukiko.

Mu kiganiro cyihariye yagiranye na Imvaho Nshya, Umuvugizi w'Inkiko mu Rwanda, Harisson Mutabazi yavuze ko uko imyaka ishira byagaragaye ko mu gihe iyo nzira y'ubuhuza ishyizwemo imbaraga itanga umusaruro ufatika.

Mutabazi yagize ati: "Mu mwaka ushize w'ubucamanza wa 2023/2024 twagize imanza 2 199 zakemuwe n'ubuhuza, muri zo hari izari zifite agaciro kanini cyane, aho 5 zari zifite miliyari 4 z'amafaranga y'u Rwanda."

Yunzemo ati: "Tumaze kubona imanza ubuhuza bwarangije, umwaka wa 2025/2024, twihaye intego y'imanza 3 000, ariko byaradushimishije ko iyo ntego twayigezeho tugira 3 099."

Yavuze ko ubuhuza bushobora gutanga ubutabera kimwe n'imanza ariko avuga ko atari ikintu cyoroshye kuko umucamanza aha uburenganzira busesuye abafitanye ibibazo bwo kwihitiramo iyo nzira, binyuze mu kubibashishikariza.

Ni mu gihe mu bindi bihugu usanga umucamanza ategeka ababuranyi kujya mu buhuza.

Yagize ati: "Hari abantu bibeshya ko ubuhuza bukoreshwa ku manza zifite agaciro gatoya. Zikoreshwa no ku gaciro kanini, kuko dufite ingero z'imanza z'agaciro kanini cyane bwafashije cyangwa se bwafashije mu ngo zabo, aho abantu babaga batandukanye mu rwego rwa mbere, umucamanza akongera akabunga, umugabo n'umugore bakongera kubana."

Mutabazi yumvikanishije ko inzira y'ubuhuza irimo gushyirwamo imbaraga, ku buryo kuri ubu, iyo umuntu atanze ikirego muri sisitemu cyakirwa ariko agahabwa ubutumwa bumubwira ko nubwo yagitanze ariko hari n'amahi hari n'amahirwe yo kujya mu nzira y'ubuhuza.

Ubwo buryo buri mu ndimi z'Ikinyarwanda n'Icyongereza bikaba biteganyijwe ko buzanashyirwa no mu Gifaransa.

Kugeza ubu u Rwanda rufite inkiko z'ibanze 41, izisumbuye 12, hari inkiko z'ingereko zitandukanye, Urukiko Rukuru, Urukiko rw'Ubujurire n'Urukiko rw'Ikirenga, aho hose ubuhuza buremewe gukorerwayo mu gihe abantu baburana.

Mutabazi yahishuriye Imvaho Nshya ko mu mwaka w'ubucamanza wa 2025/2026, aho ugeze ubu, habarurwa imanza zisaga 100 zimaze gukemurwa mu nzira y'ubuhuza, aho hari intego ko umwaka w'ubucamanza uzangira nibura imanza 6 000 zirangijwe muri iyo nzira.

Ingingo ya 10 y'Iteko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda iteganya ko mu gihe abantu bafitanye ibibazo aho kugira ngo babijyane mu nkiko bagomba kubanza kugerageza kubikemura binyuze mu bwumvikane.

Umuvugizi w'Inkiko mu Rwanda, Harisson Mutabazi yashimangiye uburyo bw'ubuhuza bukomeje kunga abafitanye ibibazo bigakemuka mu buryo bwa burundu, bityo bikagabanya ikibazo cy'ubucucike mu magororero, ndetse no kunga abafitanye ibibazo bakongera kubana mu mahoro.

Ni gahunda yatangijwe mu 2012 ubwo hatangizwaga inama ntegurarubanza, aho umwanditsi w'urukiko yahawe ububasha bwo gusaba ababuranyi kuba bahitamo ubuhuza mbere yo kujya kuburana mu nkiko.

Itegeko rigenga ubuhuza ryavuguruwe mu mwaka wa 2018.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

## *Ifaranga koranabuhanga rifite inyungu nyinshi*

*Uko abantu barushaho kwiyongera ku Isi, ni ko n'uburyo bw'imibereho bugenda buhinduka ndetse n'abayituye bakaba bategetswe guhindura uburyo bw'imibereho kugira ngo iterambere rikenewe ngo babeho rishoboke.*

*Ikoranabuhanga rigezweho ni umusingi w'iterambere ryose rihanzwe amaso mu Mpinduramatwara ya Kane mu by'ubukungu mu nzego zose hadasigaye n'urwego rw'imari.*

*U Rwanda ruri mu bihugu bikataje mu nyigo igamije gushyiraho ifaranga koranabuhanga (CBDC) no kureba umusanzu rizagira mu kurushaho kwimakaza ukudahezwa mu rwego rw'imari, iterambere ry'ubukungu, guhanga udushya mu ikoranabuhanga no koroshya ihererekanywa ry'amafaranga hagati y'ibigo by'imari n'abakiliya babyo.*

*Inyungu z'ibanze z'ayo mafaranga y'ikoranabuhanga ni uko ihererekanywa ry'amafaranga rizajya rikorwa hatabayemo undi muhuza, ku buryo amafaranga ufite kuri konti uzajya ubasha kuyohereza cyangwa kuyakira bidasabwe gutegereza kwemezwa na banki.*

*Ibyo bigabanya ibyago byo kuba umuntu yatinda kubona serivisi kubera ko ikenewe kwishyurwa ku gihe cyangwa se igihe kwemeza ubwishyu bikozwe n'umuhuza w'amafaranga na nyirayo bigenda gake.*

*Ibi kandi bigabanya ikiguzi cyo guhererekanya amafaranga, cyangwa se bikanagikuraho burundu kuko bizaba bimeze nko kwishyura kashi, cyane ko uburyo busanzweho busaba kugira ikiguzi wishyura mu gihe wohereza amafaranga cyangwa se uhaha ibintu runaka.*

*Kugabanyuka kw'icyo kiguzi bizatuma ibiciro bya zimwe muri serivisi bigabanyuka kandi abantu barusheho kuyoboka ikoranabuhanga mu kwishyura ibicuruzwa na serivisi binyuranye.*

*Gutunga ayo mafaranga bizajya bisaba kugira banki itishyura kandi bizajya bifasha mu gukumira ibikorwa binyuranye bitemewe kuko iryo faranga rifasha gukurikirana aho amafaranga aherereye n'ibyo arimo gukoreshwa.*

*Mu birebana no gukusanya imisoro, ntibizaba bigishoboka kutayitanga cyangwa kuyinyereza kuko igihe iryo koranabuhanga ryakwiriye mu gihugu, igikorwa cyose cy'ubucuruzi kizajya kiba kigaragara muri sisitemu za banki Nkuru y'Igihugu.*

*Iri faranga nanone rizafasha mu kurwanya ibyaha bikorerwa ku ikoranabuhanga by'umwihariko ibifite aho bihurira n'ihererekanywa ry'amagfaranga cyangwa kuyakora mu buryo butemewe.*

*Ifaranga koranabuhanga kandi rizafasha mu gusigasira imikoreshereze y'amafaranga y'Igihugu kandi amakuru yose y'ihererekanywa azaba ahari ku buryo umuntu wese aba ashobora kuyabona igihe cyose abishakiye.*

*Nanone kandi ifaranga koranabuhanga rigira uruhare rukomeye cyane mu gutanga umutekano usesuye kuko ni amafaranga bigoye kuyiba haba kuri banki no mu gihe ari kuri konti ya nyirayo.*

# Kiliziya Gatolika yagize uruhare mu buvuzi bw'abarwayi barenga miliyoni 11

**MUTETERAZINA Shifah**

***Ubuyobozi bw'ishoramari rya Kiliziya Gatolika rifasha imishinga y'imibereho myiza itegurwa kandi iyoborwa n'amatorero ku Mugabane wa Afurika (Mission Invest) bugaragaza ko Kiliziya Gatolika yagize uruhare mu buvuzi bw'abarwayi barenga miliyoni 11 mu Rwanda mu gihe cy'imyaka itatu ishize.***

Babigaragarije mu nama ya 20 y'inteko rusange y'Abepisikopi bo muri Afurika na Madagascar irimo kubera i Kigali y'iminsi itandatu uhereye ku wa 30 Nyakanga (SECAM).

Ni inama yitabiriwe n'abakaridinali, Abasenyeri n'abapadiri baturutse mu bihugu bitandukanye muri Afurika, hamwe n'abayobozi batandukanye mu Rwanda barimo Minisitiri w'Intebe Dr Justin Nsengiyumva wayitangije ku mugaragaro mu izina rya Perezida wa Repubulika.

Mu ijambo rye umuyobozi Mukuru wa Mission Invest Padiri Andrew Small, OMI yavuze ko nubwo inkunga ziva hanze y'Umugabane w'Afurika zahagaritswe Kiliziya Gatolika yashatse uburyo haboneka ibisubizo binyuze muri Invest Africa.

Yagize ati: "Inkunga ziva hanze zigenda zigabanyuka, ariko amatorero n'imiryango ya Kiliziya akiriho akoresha miliyari nyinshi mu ishoramari. Missio Invest ikora ibintu bibiri by'ingenzi: isaba Abakilisitu bo mu Burengerazuba ko nibura 10% by'ayo mafaranga yagaruka mu bihugu bikennye kugira ngo nayo afashe abaturage neza, kandi ikongerera ubushobozi amatorero yo mu Majyepfo y'isi (Global South) ngo yihangire imirimo, yihaze, kandi ataguma gusaba inkunga."

Ubusanzwe Mission Invest ikorera mu bihugu 11 by'Afurika birimo n'u Rwanda, imibare yabo igaragaza ko mu gihe cy'imyaka itatu hakozwe ishoramari mu mishinga irenga 130 muri ibyo bihugu, hanatangwa inguzanyo z'arenga miliyoni 40 z'Amadolari y'Amerika.

Ni ibikorwa byageze no ku Rwanda bigirira akamaro abarenga ibihumbi 33 bakoze mu mishinga itandukanye Kiliziya yafashije, amashuri arenga ibihumbi bitatu ashamikiye kuri Kiliziya Gatolika yabonye inguzanyo yafashije abanyeshuri barenga miliyoni esheshatu.

Ibyo bikorwa byageze no mu rwego rw'ubuzima bigirira akamaro abarwayi barenga miliyoni 11, binyuze muri gahunda zitandukanye za Kiliziya Gatolika.

Geofrey Ndayishimiye uhagarariye Mission Invest mu Rwanda n'u Burundi, avuga ko bibanda cyane ku bikorwa by'uburezi n'ubuvuzi.

Ati: "Harimo imishinga y'uburezi, Ubuhinzi n'ubworozi, tukibanda mu kwagura ibyumba by'amashuri, kubaka za Laboratwari, dufasha amashuri y'igisha ibijyanye n'ubuforomo mu rwego rwo kugira uruhare muri gahunda ya Leta yo kongera abaganga."

Atangiza Inama ya SECAM, Minisitiri w'Intebe Dr Justin Nsengiyumva, yashimiye uruhare rwa Kiliziya Gatolika mu iterambere ry'Igihugu.

Yagize ati: "Turashimira uruhare rw'abanyamadini, cyane cyane Kiliziya Gatolika ku musanzu wayo mu rugendo rw'impinduka zigaragara mu mateka n'ubuzima bw'Igihugu binyuze mu burezi, ubuzima rusange n'ubumwe mu miryango."

Missio Invest ifasha ibikorwa remezo bya Kiliziya mu bihugu byo munsi y'ubutayu bwa Sahara birimo Cameroun, RDC, Ethiopia, Ghana, Kenya, Malawi, Nigeria, Rwanda, Tanzania, Uganda, na Zambia, ikanatanga inguzanyo ku bigo bishamikiye kuri Kiliziya bitanga serivisi z'ubuzima, uburezi, ubuhinzi n'imari.




Kiliziya Gatolika yagize uruhare mu buvuzi

# Abarimu batazi Icyongereza ntibazirukanwa, bazahugurwa- MINEDUC

**KAMALIZA Agnes**

***Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC), yavuze ko hari abarimu n'abayobozi b'ibigo bahuguwe ndetse hakiri n'abandi bari guhugurwa ku rurimi rw'Icyongereza kandi ko nyuma y'isuzuma abazatsindwa batazirukanwa ahubwo bazakomeza guhugurwa kugeza bageze ku rugero rwifuzwa.***

Mu nama Nyunguranabitekerezo n'abarimu bo mu mashuri y'uburezi bw'ibanze ku wa 31 Nyakanga, agaruka ku bazatsindwa icyo kizamini niba bashobora kwirukanwa Minisitiri w'Uburezi, Nsengimana Joseph yagize ati:" Abazatsindwa bazahugurwa."

Yavuze ko sisati nshya igenga Abarimu yasohotse mu mwaka ushize igaragaza urugero abarimu bagomba kuba bariho ku byerekeye ururimi rw'Icyongereza kugira ngo bashobore kurwigishamo.

Minisitiri Nsengimana yemeje ko nta muntu uzirukanwa kuko yatsinzwe Icyongereza ahubwo bazakomeza guhugurwa kugeza imyaka itatu ishize, hakarebwa urwego bagezeho.

Ati: "Muri iki cyiciro nta muntu uzirukanwa ngo ntabwo urwo rwego yarugezeho kugeza iyo myaka itatu ishize."

Yasobanuye ko ku barimu bashya hazajya harebwa niba bari kuri urwo rugero mbere yuko bashyirwa mu kazi mu gihe abasanzwe mu kazi bazahabwa amahugurwa y'imyaka itatu atuma bagera kuri icyo cyiciro bivuze ko uzatsindwa ubu azakomeza guhugurwa kugeza ageze ku rugero rwifuzwa.

Ati: "Twabahaye imyaka itatu ngo bigerweho ni ukuvuga ko uyu ari umwaka wa mbere, ubu abarimu bose mbere yo kujya muri ayo mahugurwa barabanza bagakoreshwa isuzuma kugira ngo turebe icyiciro bariho noneho ubone aho ushingira ukora ayo mahugurwa, hanyuma bayakore turebe icyiciro bagezeho kugeza rwa rugero barugezeho."

Yavuze ko abarimu bagaragaje ko batari kuri urwo rwego bitashoboka ko bahita bakurwa mu mirimo ako kanya ahubwo igikwiye ari ukureba icyakorwa ngo bazamuke barugereho.

Minisitiri Nsengimana yavuze ko ikigambiriwe ubu ari uko abanyeshuri barangije mu mashuri Nderabarezi, (TTCs) bazajya bahita bajya mu mirimo ariko mbere atari ko byakorwaga.

Yavuze ko nubwo hari ibizamini babanzaga gukora ariko nabwo Icyongereza bakoraga kitari ku rwego rwo kwigishirizamo ari nayo mpamvu benshi badafite ubushobozi.

Ati: "Icyo kizamini cyakorwaga Icyongereza ngo kigere ku rwego ugomba kwigishirizamo ni yo mpamvu mu barimu benshi dufite usanga hari abagifite ubushobozi buke mu Cyongereza."

Minisitiri Nsengimana yemeje ko u Rwanda rwahisemo Icyongereza nk'ururimi rwo kwigishwamo ari nayo mpamvu bisaba ko abigisha bagomba kuba bakarishye muri rwo ndetse ko mu gihe Abarimu baba bafite ubwo bushobozi n'abanyeshuri babyumva vuba.



**Minisitiri w'Uburezi, Nsengimana Joseph yavuze ko abarimu bazakomeza guhugurwa mu cyongereza**



**Inshingano za BDF zimuriwe muri BRD**

# BDF yahujwe na BRD

**ZIGAMA Theoneste**

***Guverinoma y'u Rwanda yimuriye inshingano z'Ikigega cy'Iterambere gishinzwe guteza Imbere Imishinga mito n'iciriritse (BDF) muri Banki y'u Rwanda Itsura Amajyambere (BRD), hagamijwe gushyiraho urwego rukomeye ruzafasha mu guteza imbere abashoramari n'abikorera mu gihugu hose.***

Mu itangazo Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi, MINECOFIN yashyize ahagaragara ku wa 31 Nyakanga 2025, yavuze ko izo mpinduka zigamije guhuza ubushobozi bwa BDF ikunze gukorana n'abacuruzi bato n'abaciriritse (SMEs) n'ubushobozi bwa BRD bwo gutanga inguzanyo nini, ubunararibonye mu by'inganda zitandukanye n'imiyoborere y'inzego.

Yakomeje ivuga ko iri huzwa rizagira inyungu nziza ku bacuruzi n'abashoramari zirimo kwihutisha uburyo bwo kubona inguzanyo ndetse no kugabanya igihe cyo gutegura ibisabwa ku bashoramari bashaka inguzanyo binyuze mu mabanki n'ibigo by'imari iciriritse bafatanyije.

Hari kandi kubona inguzanyo ziteguye ku rugero rw'umukiliya, ibi bikazaba ari amahirwe y'ishoramari ku batangira ubucuruzi, abari mu rugendo rwo gukura no kwagura ibikorwa byabo ndetse n'abafite imishinga minini.

Iri huzwa kandi rizagira uruhare mu kwagura imiyoboro mu gihugu hose, aho serivisi zizatangwa ku buryo bwagutse mu mijyi no mu byaro hifashishijwe ikoranabuhanga.

Izi mpinduka ni intambwe ikomeye mu guteza imbere urwego rw'abikorera binyuze mu koroshya uburyo bwo kubona igishoro, bikaba biri mu murongo wa Gahunda ya kabiri y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST1) n'Icyerekezo 2050.

Kugeza ubu, BDF imaze gufasha imishinga irenga 40 000, naho BRD ikaba yarateye inkunga imishinga iri mu nzego zirimo ubuhinzi, inganda, n'ibikorwa remezo. Kwifatanya kw'ibi bigo bizarushaho kuganisha ku iterambere rirambye rifasha kugera ku ntego z'iterambere ry'Igihugu.

Iki kigo gishya kizakomeza kuba urwego rukuru rutanga inguzanyo mu Rwanda, gitanga umusanzu mu guteza imbere ubukungu budaheza.






**Umusaruro w'ubuhinzi urimo n'imyumbati yera ibiro 60kg ku kiro kimwe**

# Muhanga: Umuganura wabasigiye umukoro wo kudasesagura no gukora cyane

**UWIZEYIMANA Aimable**

***Abatuye Akarere ka Muhanga mu Murenge wa Mushishiro, biyemeje gukora cyane bagamije gutera imbere, ubundi bakirinda gusesagura.***

Mubandakazi Domina Umwe mu batuye mu Murenge wa Mushishiro, mu Kagali ka Rukaragata, avuga ko umunsi mukuru w'Umuganura, ubafasha gusubiza amaso inyuma bagafata umugambi wo gukora cyane bagamije gutera imbere birinda gusesagura.

Ati: "Ni byo kwizihiza Umuganura hano iwacu i Rukaragata, byadufashije gutekera kure kugira ngo aho tutabonye umusaruro, twikubite agashyi dushyiremo imbaga ubundi kandi byadufashije no gufata ingamba zo kudasesagura umusaruro twabonye."

Mubirigi Eugene ni umwe mu babyeyi batuye mu Kagali ka Rukaragata, avuga ko kwizihiza umunsi mukuru w'Umuganura bibasigiye isomo ryo gukora cyane bakirinda gusesagura.

Ati: "Kwizihiza umunsi mukuru w'Umuganura, icyo bidusigiye ni isomo ryo kudaheka amaboko tukirinda gusesagura umusaruro tuba twabonye, kuko bizadufasha kugana inzira y'iterambere."

Umuyobozi w'Akarere ka Muhanga Kayitare Jacqueline, na we avuga ko kwizihiza umunsi mukuru w'Umuganura, bijyana no gusubiza amaso inyuma, bagafata ingamba zo gukosora ibitaragenze neza.

Ati: "Kwizihiza umunsi mukuru w'Umuganura, tukaganura ku musaruro twejeje bidusigire, isomo ryo gukora cyane nk'abatuye Akarere ka Muhanga, ubundi abatanga serivisi na bo bazitange neza kandi vuba, ndetse uyu muganura utubere kandi n'imbarutso yo kwitabira umurimo kurushaho tugana icyerekezo igihugu cyacu gishyize imbere cyo kugera ku iterambere rirambye."

Uyu mwaka wa 2025, umunsi mukuru w'Umuganura usanze Akarere ka Muhanga kari ku mwanya wa 6 mu kurwanya ubukene, ugendeye ku bushakashatsi ku mibereho rusange y'ingo bwo mu mwaka wa 2024, bw'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare(NISR), kuko bigendeye ku bipimo by'ubukene gafite 15%, mu gihe Akarere ka Nyamagabe ariko gafite igipimo cy'ubukene kiri hejuru kuko gafite 51,4%.

# Umuganura ntugishyirwa abayobozi kubera imiyoborere myiza y'u Rwanda

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Mu gihe u Rwanda rwizihiza Umunsi Mukuru w'Umuganura, bamwe mu baturage bagaragaza ko uyu munsi wahindutse ikimenyetso cy'imiyoborere myiza ugereranyije n'uko byari byifashe mu myaka ya mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Mu birori byo kwizihiza ibyo birori kuri uyu wa Gatanu tariki ya 1 Kanama 2025, abo mu Karere ka Musanze bavuze ko mu myaka yo mu 1980 wasangaga abaturage ari bo baganuzaga abayobozi ku itegeko, ariko ubu abayobozi ni bo babegera bakanabaganuza.

Abo baturage bigenjemo abo mu Karere ka Musanze, babiharutseho nyuma yo gusangira n'abayobozi umuganura w'ibyo bejeje birimo ibigori, ibijumba, imyumbati, imboga, n'ibinyobwa gakondo.

Muhawenayo Asterie w'imyaka 70, avuga ko byababagoraga kubona uburyo babona Umuganura kuko byabasabaga gukusanya amafaranga ngo bagure ibyo bazajya kuganuza abayobozi, kuko ngo ni ko imiyoborere yabigenaga.

Yagize ati: "Mu bihe bya kera, Umuganura wari nk'umusoro niko mbibona badusabaga gukusanya ibyo kurya, inzoga, tukabijyana kuri Komini cyangwa Segiteri. Abaturage ntibaryaga, ahubwo byakenerwaga n'abayobozi gusa. Ubu ho biradushimisha kubona Guverineri, abayobozi b'Intara, n'abandi bo ku rwego rw'Igihugu dusangira nk'abana b'Igihugu kimwe cyangwa se umubyeyi umwe."

Habiyaremye Anastase w'imyaka 68 wo mu Murenge wa Gataraga, na we avuga ko imiyoborere myiza yatumye abaturage baganura n'abayobozi babo.

Yagize ati: "Nabonye imihango nk'iyi kuva nkiri muto. Ariko muri ibyo bihe by'ubuyobozi bwa kera, umuturage yajyaga azana imyaka ye n'inzoga, ubuyobozi bukayifata ntibumugaragarize icyubahiro. Ubu noneho turumvwa turubahirizwa, kandi tuganirizwa."

Iradukunda Clarisse w'imyaka 23 wigisha abana mu Ishuri ry'inshuke, avuga ko ari amahirwe akomeye yo gukura wiga amateka n'umuco by'u Rwanda.

Ati: "Ndishimye kubona Umuganura ukiriho kandi ukitabirwa n'urubyiruko. Bituma twumva ko natwe dukwiye gutanga umusanzu mu kubungabunga ibyagezweho. Nize byinshi ku muco wacu kandi nzabisangiza n'abandi, kuko Umuganura namenye neza ko ari ipfundo ry'ubumwe."

Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, Mugabowagahunde Maurice, yavuze ko Umuganuro w'ubu ushingiye ku bumwe, ubudaheranwa, n'ubusabane hagati y'abayobozi n'abaturage, nk'uko byari mu muco nyarwanda nyawo.

Yagize ati: "Umuganura si umunsi w'ubuyobozi bwo hejuru aho bwitaza abaturage, ahubwo ni umunsi w'ubufatanye aho twese dushimira Imana n'Igihugu umwero twabonye tukawusangira nk'umuryango umwe. Ibi ni bimwe mu bigaragaza iterambere ry'imiyoborere y'Igihugu cyacu, n'ubumwe bwacu."

Yavuze kandi ko uyu munsi unafasha gukomeza kwimakaza indangagaciro z'umuco nyarwanda, by'umwihariko gukunda umurimo, gusangira no kwishimira ibyagezweho.

Minisiteri w'Ubutegetsi bw'Igihugu Habimana Dominique, yavuze kandi ko Umuganura ari imwe mu nkingi zifasha urubyiruko gusobanukirwa amateka y'u Rwanda n'indangagaciro na kirazira z'Umunyarwanda.

Yagize ati: "Umuganuro si igitaramo gusa, ni ishuri rikomeye ry'umuco. Dushishikariza urubyiruko n'abayobozi gukomeza gusigasira uyu muco, tukirinda ko usibangana cyangwa ngo ube urwibutso rw'abakuru gusa."

Kwizihiza uyu munsi byaranzwe n'imbyino gakondo, gusangira n'imurika ry'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi, horozwa n'imiryango itanu inka za kijyambere kugira ngo zizabaheumukamo.

Insanganyamatsiko y'uyu mwaka iragira iti : "Umuganura , isoko y'ubumwe n'ishingiro ryo kwigira."


**Ku muganura, baganuye ibiryo bya Kinyarwanda**

# Umuganura wo hambere mu mboni y'abaturage

KWIZERA Jean de Dieu

***Bamwe mu baturage bavuga ko umuganura wakorwaga mbere abaturanyi basangiraga ibyo bejeje byabaga byiganjemo umusaruro w'ibikomoka ku masaka n'uburo bikabahuza kandi bakajya bahora babikora.***

Abaganiriye na Imvaho Nshya bavuye imuzi amwe mu metaka y'umuganura mu mateka n'uburyo babonaga uko byakorwaga hambere, bagaragaza ko umuganura wari umuco w'Abanyarwanda watumaga basabana bakamenyana ndetse bagasangira ibyo bejeje inzu ku yindi.

Uwitwa Mukandanga Venantie w'imyaka 70, utuye mu Kagari ka Gisiza, Umudugudu wa Gitwa, Umurenge wa Rugabano yagize ati: "Njye natangiye kumva umuganura mfite imyaka 8. Muri icyo gihe umuganura kwari ukuvuga ngo 'wahinze amasaka none yareze neza, yamara kwera ukagaragariza abandi ko wejeje, ubatumira mugasangira. Ugategura icyo kunywa, ugateka ibishyimbo, ukagerekeho imyumbati cyangwa amateke, bitewe n'ibindi wahinze, ugasuka ku nkoko n'abana bakarya."

Yakomeje agira ati: "Byari byiza kuko kwari ugusabana, abaturanyi bakizihirwa maze ubibonye akavuga ngo kwa runaka barahinze bareza niyo mpamvu yaganuje abantu". Mukandanga kandi yavuze ko uwaganuzaga yaheraga ku muryango yashatsemo no ku babyeyi be akabanza kubaganuza ubundi akabona guha abandi umuganura.

Uwitwa Nyiranshuti Daphrose w'imyaka 74 utuye mu Mudugudu wa Muciro, Akagari ka Gisiza, Umurenge wa Rugabano we yavuze ko yabyirutse batanga umuganura.

Ati: "Ku munsi w'umuganura, barashigishaga bagasangira, umuntu yafata ijambo akababwira ko yahinze akeza. Mbere y'aho rero umuntu agahamagaraga abaturanyi be, bakajya mu murima we w'amasaka bakajya kuyatunda ku musozi, ubwo bamara kuyasarura hanyuma, agahura, akinika".



Basangiraga ibikomoka ku musaruro w'ibyo bejeje harimo n'ikigage

Yakomeje avuga ko ari umuco mwiza kuko wabaga ari umwanya wo kuganura ndetse uwahinze akeza agasangiza abaturanyi be, bakarya amateke n'ibijumba, bakanywa ikigage, n'ibindi.

Uwitwa Kanyagugu Francois w'imyaka 78, utuye mu Murenge wa Rugabano, Akagari ka Rugabano, Umudugudu wa Kamina we, yagize ati: "Nkiri muto iwacu twarezaga tugatumira abaturanyi tugasangira Data yafata ijambo akavuga ko yahinze akeza akaba ari yo mpamvu yifatanyije na bo."

Aba baturage basanga umuganura ari umuco mwiza ukiriho kugeza ubu ibintu bavuga ko bishimishije.

Umunsi w'Umuganura wari umunsi mukuru ngarukamwaka wubahwaga kandi ugahabwa agaciro ibwami no mu muryango w'Abanyarwanda.

Umuganura watangiye kwizihizwa mu Rwanda ku ngoma ya Gihanga Ngomijana mu kinyejana cya cyenda, hanyuma uza kongera guhabwa imbaraga na Ruganzu II Ndoli hagati y'imyaka ya 1510-1543 ubwo yabohoraga u Rwanda.

Kwizihiza umunsi w'umuganura biba ku wa Gatanu wa mbere w'ukwezi kwa Kanama.

# Rusizi: Ikibuga cya sitade ya Rusizi cyatangiye gukorwa

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Abatuye umujyi wa Rusizi bakunda siporo n'imyidagaduro bari bamaze igihe binubira ko ikibuga cya sitade ya Rusizi cyangiritse, aho mu zuba cyabaga ari intabire mu mvura kikaba nk'ikiyaga, barashima ko ubu imirimo yo kugikora yatangiye, inagenda neza.***

Kajigo Djuma Honoré, umwe mu bakurikiranira hafi iby'imikino mu Karere ka Rusizi,wanakinnye umupira w'amaguru igihe kirekire mu ikipe ya Espoir, yabwiye Imvaho Nshya ko ibyishimo byabasaze.

Ati: "Imirimo yo kugikora neza yatangiranye n'ukwezi kwa 6, ubuyobozi bw'Akarere n'intumwa za FERWAFA batubwira ko mu mezi 4 kizaba cyuzuye. Twiteze ko ukwa 10 kuzarangirana n'amateka mashya y'ikibuga mpuzamahanga cy'imikino kuri sitade ya Rusizi.

Yongeyeho ati: "Iki kibuga cyari gisanzwe kiriho kuva mu myaka ya za 1960, cyari icy'ibyatsi byiza, gikikijwe n'ibiti by'inturusi na sipure. Mu 1989 ni bwo cyazitiwe n'amatafari ahiye. Uko cyagiye gikinirwaho cyane ubwatsi bwashizeho gihinduka intabire, mu mvura ntugitandukanye n'ikiyaga, abakina umupira ukabiha, abaje kuwureba bagataha bababaye, kugeza ubwo ikibazo kigeze mu nzego zo hejuru FERWAFA yiyemeza kugikora."

Anavuga ko ku mpande zacyo hazaba hari ahakorerwa imyitozo ngororamubiri.



Imashini zatangiye gutunganya ikibuga

Nsabimana Théodore, umukinnyi w'igihe kirekire akanaba umusifuzi, na we ukurikiranira hafi iby'imikino muri Rusizi,yavuze ko nta kindi bavuga kitari ugushimira Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul Kagame.

Ati: "Ni we wa mbere dushimira kuko ubwo yazaga kwiyamamaza umwaka ushize ni cyo twamusanganije none mu mwaka umwe gusa imirimo iratangiye."

Avuga ko banifuza ko hakubakwa tiribine igezweho kuko ihari iva, kandi ko bumvise ko ibya tiribine bitari mu byo FERWAFA izakora, kimwe n'ikibuga cya Volley ball.

Umuvugizi wungirije wa FERWAFA Karangwa Jules, yabwiye Imvaho Nshya ko mu gihugu hose hatangiye kubakwa ibibuga 5, ari byo icya Rusizi, Gicumbi, Rutsiro n'ibindi 2 byo kuri FERWAFA, uko ari 5 bikaba byagombye kuzura mu mezi 4, bikazuzura bitwaye miliyari 2 na miliyoni 200.

Ati: "Imirimo hose yatangiye mu kwa 6, mu gateganyo izarangira mu mezi 4, ariko hari ibikoresho byatumijwe hanze y'igihugu biri gusabirwa gusonerwa imisoro, ni cyo cyonyine gishobora gutuma icyo gihe cyiyongera, hakaba hakwiyongeraho nk'ukwezi cyangwa 2."

Ibyo kubaka Tiribine n'ikibuga cya Volley ball avuga ko bitari mu byo FERWAFA yemeye.





# Ngoma: Ikorwa ry'umuhanda Ngoma-Bugesera ryahaye abaturage akazi

HITIMANA Servand

***Abaturage bo mu Mirenge itandukanye y'Akarere ka Ngoma babonye imirimo mu kubaka umuhanda wa Kaburimbo Ngoma- Bugesera bavuga ko byabafashije mu mibereho ya buri munsi, bakahabona akazi bakiteza mbere.***

Abakora kuri uyu muhanda bari mu byiciro bitandukanye bishimira akazi bamaze iminsi bahakorera kuko kabafashije kwinjiza amafaranga.

Mutumwinka Donata usanzwe yarize ibijyanye b'ubwubatsi yavuze ko yahunfgukiye byinshi birimo amafaranga n'ubumenyi.

Yagize ati: "Akazi nabonye hano ngafata nk'amahirwe akomeye nagize nkirangiza kwiga muri IPRC. Nungutse kabiri kuko mbihemberwa amafaranga yamfashije gutangira ubuzima nyuma y'ishuri, ndetse ngakemura ibibazo byo mu muryango bimwe byagiye bituruka kukugira Ibyo bukuraho banyishyurira ishuri.

Icya kabiri ni uko nabonye aho ntyariza Ibyo nize ndushaho kubigiramo ubunararibonye."

Karangwa Daniel nawe agira ati: "NJYe maze minsi nkora kuri uyu muhanda nk'umufundi usanzwe, nubaka kuri za rigole z'amazi, ni akazi kampemba neza kuko ntitwamburwa Nkuko bijya bigenda ku bindi byubakwa. Akazi kamfashije kubonera umuryango wanjye Ibyo ukeneye, ubu byatumye nongera ubushobozi nari mfite mbasha kugura inka y'ibihumbi 400."

Rukundo Samuel avuga ko yabaga mu Murenge wa Rukumberi akennye cyane, ariko ko aho aje gukorera ubuyede kuri uyu muhanda amazeho amezi 6 ngo hari intambwe yateye.



Ababonye akazi mu ikorwa ryumuhanda byabahinduriye ubuzima

Ati: "Naje inaha nshakisha ubuzima ariko byabanje kungora kubera kubura imirimo. Uyu muhanda utangiye nahise nza gushora amaboko yanjye Aho ubu buri cyumweru mba nizeye kuba mfite amafaranga. Nasaga nabi cyane ariko ubu naguze imyambaro.

Ikindi sinkicwa n'inzara, ubu nsigaye nanabika amafaranga kuri telefone cyane ko na telefone nayiguze aho nziye muri aka kazi."

Mapambano Nyiridandi Umuyobozi w'Akarere Ka Ngoma wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu ashimangira ko ibyo bikorwa byatanze imirimo kuri benshi, bifasha abaturage n'Akarere muri rusange.

Ati: "Icya mbere dushimira ubuyobozi bw'Igihugu bwadushyiriyeho uyu muhanda. Ni igikorwa remezo cy'igenzi cyatanze akazi ku bantu benshi bibafasha kwiteza imbere. Hari abaturage bacu bahakora imirimo y'amaboko bakayihemberwa. Hari abari bafite ibirombe babonye isoko bagurisha imicanga, amabuye n'ibindi byagiye bikoreshwa kuri uyu muhanda. Byahinduye byinshi mu mi bereho n'ubukungu bw'abaturage bacu."

Uyu muhanda Ngoma Bugesera uca rwagati mu Karere ka Ngoma aho ukora ku Mirenge irimo Kazo, Gashanda, Sake na Rukumberi, aho abayituyemo basaga ibihumbi 6 bagiye bahabona akazi.

# Rubavu: Imodoka z'amashanyarazi bazitezeho byinshi

KWIZERA Jean de Dieu

***Abaturage bagaragaza ko imodoka z'amashanyarazi bazitezeho byinshi, by'umwihariko kwihutisha ingendo no kurinda ikirere ibyuka bigihumanya.***

Bamwe mu baturage baganiriye na Imvaho Nshya bavuga ko izo modoka, hari itandukaniro ugereranyije n'izisanzwe zikoreshwa ndetse ko biteguye kugendana n'izo mpinduka bashimira na Leta yatekereje ku kurinda ikirere, hagatangizwa gahunda yo gukoresha imodoka z'amashanyarazi.

Rulindangabo Leonidas yagize ati: "Izi modoka zikoresha amashanyarazi dusanzwe tuzumva mu Mujyi wa Kigali. Ubu rero twishimiye ko naha zahageze kuko zirinda ikirere ibyuka bigihumanya, ntabwo zigenda zisakuza nk'izisanzwe ndetse mu byo twumvise ni uko zizoroshya ingendo kuri twe abagenzi."

Nyirangarambe Ruth, we asanga izo modoka zizafasha cyane mu bukerarugendo ndetse zigafasha n'abagenzi kugenda batekanye bitewe n'uko ziteye. Ati: "Izi modoka zisa neza, ni imodoka zifite intebe zitandukanye n'izisanzwe ndetse niba mwarebye neza imbere harimo aho gushyira imizigo, aho gushariza telefoni mu gihe umuriro washize n'ibindi. Turashimira Leta yacu yatekereje kuri iki kintu kuko burya niyo ba mukerarugendo baje, bakagenda mu modoka nziza nk'izi , biba biteye ishema."

Umuyobozi w'Akarere ka Rubavu Mulindwa Prosper, yavuze ko imodoka zikoresha amashanyarazi zatangiye gukoreshwa mu Karere, zigiye gutuma abaturage babona imirimo, zigateze imbere ubukerarugendo ndetse n'abagenzi boroherwe n'ingendo.



Imodoka z'amashanyarazi zizoroshya ingendo

Yagize ati: "Izi modoka zigiye kuzana impinduka haba mu bazigendamo ndetse n'abagenda n'amaguru kuko batazakomeza guhumeka imyuka iterwa na Mazutu na lisansi.

Ikindi zigiye gufasha mu bukerarugendo, kuko Umujyi wacu wakira ba mukerarugendo benshi kuba rero tubonye imodoka nziza zigezweho bizatuma ubukerarugendo bwacu buzamuka."

Beata Mukangabo, Umuyobozi Ushinzwe Ibikorwa by'Ubwikorezi muri RURA na we yashimangiye ko imodoka zikoresha amashanyarazi zagejejwe muri Rubavu, ari ingenzi cyane kuko zizafasha mu kubungabunga ikirere ndetse zigateza imbere n'ubukerarugendo.

Yagize ati: "Izi modoka zikoresha amashanyarazi ni ingenzi cyane kuko zigiye gukomeza gufasha mu ihindagurika ry'Ikirere kubera ko zigabanya imyotsi yangizaga abantu n'ikirere. Izi modoka kandi zije gufasha mu korohereza abagenzi no koroshya ingendo kuko ni imodoka nziza zifite ibyicaro byiza kubazazigendamo ndetse zizateza n'imbere ubukerarugendo."

Doreen Orishaba Umuyobozi Mukuru wa BasiGo yavuze ko ku ikubitiro bazanye mu Karere ka Rubavu imodoka 5 zizajya zigenda mu byerekezo bitandukanye birimo Rubavu, Huye, Nyagatare, Rusumo zigasubira i Kigali.

Ni imodoka zifite ibyicaro 42 zikaba zifite ubushobozi bwo kugenda Ibilometero 350 zitari zongera gusharizwa.

# The Ben, Timaya, Kizz Daniel na Ayra Starr basusurukije igitaramo gisoza Giant of Africa



Aba bahanzi uko ari bane basusurukije igitaramo cya Giant of Africa

**MUTETERAZINA Shifah**

***Abahanzi barimo The Ben, Timaya, Kizz Daniel na Ayra Starr bishimiwe, ubwo basusurutsaga abitabiriye igitaramo cyo gusoza Iserukiramuco rya Giant of Africa rimaze iminsi ribera mu Rwanda.***

Ni igitaramo cyabaye mu ijoro ry'itariki 02 Nyakanga 2025, ubwo hasozwaga iryo serukiramuco ryitabiriwe n'Ibihugu 20 byo ku Mugabane wa Afurika.

*Umuhanzi Mugisha Benjamin wamamaye nka The Ben yaserutse kinyafurika mu rwego rwo kubahiriza imico y'ibihugu byitabiriye 'Giant of Africa' no kugaragaza umwihariko wa Afurika, yifashisha Miss Rwanda 2021, Ingabire Grace.*

Yafunguye igitaramo nk'umuhanzi uri mu rugo cyane ko yari abimburiye abarimo Timaya, Kizz Daniel na Ayra Star, bose bo mu gihugu cya Nigeria.

Yinjiye ku rubyiniro abanjirijwe n'Intore nko kubaha ikaze no kugaragaza umuco w'u Rwanda avukamo.

Yaririmbye Habibi mu buryo buvuguruye, biza kurushaho kuryoha ubwo yabyinwaga na Miss Ingabire Grace wegukanye ikamba rya Miss Rwanda 2021, akaba yaranize imyitozo ngororamubiri n'imbyino muri Kaminuza.



Ayra Starr yishimiwe n'abasore n'inkumi b'i Kigali

The Ben yagiye avanga indirimbo za vuba n'izakera aho yaririmbye izirimo 'Thank You' yafatanyije na Tom Close, Why yafatanyije Diamond Platinumz, True Love, Best Friend yafatanyije na Bwiza, n'izindi zashimishije benshi mu bitabiriye icyo gitaramo.

Ababyinnyi ba The Ben bahinduraga imyambaro ariko kandi bibanze ku myenda y'ibitenge nko guha agaciro umuco wa Afurika, umugabane abenshi mu bitabiriye igitaramo bakomokaho.

The Ben yagaragaje ubunyamwuga kuko yanyuzagamo agacuranga; hari nk'aho yacuranze gitari na Piano ariko abijyanisha no kuririmba kugeza n'ubwo yakomye ingoma, ibyashimishije abitabiriye igitaramo.

Ni ku nshuro ya kabiri The Ben aririmbiye muri BK Arena muri uyu mwaka, nyuma y'icyo yakoreyemo tariki ya 1 Nyakanga 2025 ubwo yamurikaga Alubumu ye yise Plenty Love.

Nyuma ya The Ben, Timaya yagiye ku rubyiniro ashyushya urubyinuro mu ndirimbo zirimo iyo yiyitiye 'Timaya' akomereza ku ndirimbo yatakaga u Rwanda avuga ko ari rwiza ndetse yifuza kuruturamo bihoraho mu ndirimbo yaririmbye yazirikanye n'abakunzi b'izihimbaza Imana abaririmbira iyitwa :" Excess Love' ya Mercy Chinwo n'izindi.

Mu gusoza Timaya yasabye ko abakobwa beza babyifuza baza ku rubyiniro bakabyinana na we hazamuka babiri ariko abyinana n'umwe asoza avuga ko atarashaka ariko yifuza gushyingiranwa n'Umunyarwandakazi.

Kizz Daniel yakurikiyeho maze ibintu bihindura isura agaragarizwa ibyishimo.

Yaririmbye indirimbo enye gusa zirimo iyitwa "Woju" na "Laye". Nyuma y'iminota 17 ava ku rubyiniro.



Kizz Daniel yongeye gushimisha Abanyakigali ku nshuro ya gatatu



Timaya yatangaje ko yifuza gutura mu Rwanda akanashyingiranwa n'umukobwa uhavuka

Kizz Daniel ni ubwa gatatu yari ataramiye muri Kigali, akaba yaherukaga kuhataramira mu 2022 mu gitaramo yakoreye muri Canal Olympia.

Umuhanzikazi ukomoka muri Nigeria Ayra Starr ni we wasoje igitaramo mu ndirimbo zirimo 'Gimme Dat' yakoranye na Wizkid, Goodbye, Away', 'Last', 'Rush' n'izindi.

Uyu mukobwa uhora avugwaho kwambara imyenda migufi cyane yageze ku rubyiniro n'ubundi yambaye imyenda ihisha imyanya y'ibanga gusa. Agera aho asaba abasore n'inkumi batewe ishema n'imiterere yabo kuza bakabyinana na we birangira abasore bamuteruye bamushyira mu kirere nko kumwereka ko bamwishimiye.

Ni ku nshuro ya mbere Ayra Starr yari ataramiye mu Rwanda cyane ko bivugwa ko ahenda.

Iserukiramuco rya Giant of Africa rimaze icyumweru ribera mu bice bitandukanye by'Umujyi wa Kigali, ndetse n'ibikorwa byaryo bimwe bikagera mu Ntara zimwe mu zigize u Rwanda.







APR FC izakina umukino wa gishuti na Power Dynamos yo muri Zambia

# APR FC izakina na Power Dynamos ku 'Umunsi w'Igitinyiro'

**SHEMA Ivan**

***Ikipe ya APR FC yatangaje ko izakina umukino wa gicuti na Power Dynamos yo muri Zambia, ku Munsi w'Igitinyiro uteganyijwe tariki 17 Kanama 2025.***

Iyi kipe yabitangaje ibinyujije ku mbuga nkoranyambaga zayo.

Iti "Ku ya 17 Kanama 2025, tuzakira Power Dynamos FC ku Munsi w'Igitinyiro."

Uyu mukino mpuzamahanga wa mbere wa gishuti APR FC igiye kwakira kuva mu 2017, uzabera muri Stade Amahoro saa cyenda z'amanywa.

Iyi kipe y'ingabo z'Igihugu ikomeje gukina imikino itandukanye ya gishuti yitegura umwaka w'imikino mushya biteganyijwe ko uzatangira muri Nzeri.

APR FC izasubira mu kibuga ku Cyumweru, tariki ya 3 Kanama 2025, ihura na Police FC mu mukino uzabera kuri Kigali Pelé Stadium guhera saa cyenda.

Mu mikino ine imaze gukina, yatsinze Gasogi United ibitego 4-1, inganya na Gorilla FC 2-2 mu mukino wa mbere ndetse na 1-1 mu mukino wa kabiri mu gihe yatsinze Intare FC ibitego 4-0.

Power Dynamos ni yo izahagararira Zambia muri CAF Champions League nyuma yo kwegukana shampiyona ya 2024/25.

# Nigeria yatsinze Mali yegukana 'Afro Basket' ku nshuro ya 5 yikurikiranya

**SHEMA Ivan**

***Ikipe y'Igihugu ya Nigeria ya Basketball mu bagore yatsinze iya Mali amanota 78-64 yegukana Igikombe cya Afurika (FIBA Women's Afro Basket) ku nshuro ya gatanu yikurikiranya.***

Uyu mukino wa nyuma wabereye muri Palais des Sports de Treichville, i Abidjan muri Cote D'Ivoire, ku Cyumweru tariki ya 3 Kanama 2025.

Umukino watangiye wihuta cyane ndetse uryoheye ijisho, Amy Okonkwo na Sika Kone batsinda ku mpande zombi. Agace ka mbere karangiye Mali itsinze Nigeria amanota 26-21.

Nigeria yagarukanye imbaraga nyinshi mu gice cya kabiri itangira kugabanya ikinyuranyo ibifashijwemo na Amy Okonkwo, Murjanatu na Musa Ezinne Kalu ndetse iyobora umukino n'amanota (32-26).


Mu minota itanu ya nyuma Mali yahise yikubita agashyi yongera kugaruka mu mukino itangira kugabanya ikinyuranyo abarimo Alima Dembele na Djeneba N'Diaye na Sika Kone batsinda amanota menshi.

Ako gace Nigeria yatsinze amanota 20 kuri 15 ya Nigeria.

Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganya amanota 41-41.

Nigeria yakomeje gukina neza mu gace ka gatatu ibifashijwemo na Amy Okonkwo na Ezinne Kalu batsinda amanota yiganjemo atatu menshi.

Ku rundi ruhande Mali na yo yatsindaga amanota binyuze muri Djeneba N'Diaye na Sika Kone. Ako gace karangiye Nigeria itsinze Mali amanota 61-56.



Ikipe y'Igihugu ya Nigeria ya Basketball mu bagore yatsinze iya Mali amanota 78-64 , yegukana igikombe cya Afurika

Mu gace ka nyuma, Nigeria yakomeje kongera ikinyuranyo ibifashijwemo na Promise Amukamara na Ezinne Kalu na Victoria Macaulay batsinda amanota atatu ndetse ikinyuranyo kiba 10 (72-62).

Umukino warangiye Nigeria itsinze Mali amanota 78-64, yegukana Igikombe cya Afurika ku nshuro ya gatanu yikurikiranya, yandika amateka mashya muri Basketball y'abagore muri Afurika.

Ni mu gihe ari icya karindwi iyi kipe yegukanye muri rusange.

Umukino wo guhatanira umwanya wa gatatu wegukanywe n'ikipe y'igihugu ya Sudani y'Epfo yatsinze Senegal amanota 66-65.

Mu bijyanye n'ibihembo, Amy Okonkwo wa Nigeria yongeye kuba umukinnyi mwiza w'irushanwa ku nshuro ya kabiri yikurikiranya.

Ikipe y'irushanwa igizwe na Cierra Dillard w'Ikipe y'Igihugu ya Sénégal, Jane Asinde wa Uganda, Amy Okonkwo wa Nigeria, Kone Sika wa Mali hamwe na Delicia Washington w'Ikipe y'Igihugu ya Sudani y'Epfo.

Umutoza w'Igihugu ya Nigeria, Rena Wakama yabaye umutoza wa mbere w'umugore wegukanye igikombe cya Afurika inshuro ebyiri zikurikiranya.

Muri rusange, amakipe yageze muri ½ ari yo Nigeria, Mali, Sudani y'Epfo na Sénégal afite itike y'Igikombe cya Afurika gitaha kizaba mu 2027.

Nigeria yegukanye igikombe izahagararira Umugabane wa Afurika mu Gikombe cy'Isi kizabera mu Budage mu 2026.

Muri iri rushanwa ryakinwe n'amakipe 12, u Rwanda rwasoreje ku mwanya wa 11 imbere ya Guinea ya nyuma.

Imvaho Nshya
# Siporo




NO .E-24 TARIKI 29 NYAKANGA-04 KANAMA 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Giants of Africa yatashye ku mugaragaro ikibuga cya 10 yubatse mu Rwanda



**Hatashywe ku mugaragaro ibibuga bitatu bya Basketball byubatswe ku ishuri rya Saint Ignatius Kibagabaga**

**SHEMA Ivan**

***Minisitiri wa Siporo, Nelly Mukaziyire ari kumwe na Masai Ujiri uyobora Umuryango Giants of Africa na Kawhi Leonard ukinira La Clippers muri NBA, batashye ku mugaragaro ibibuga bitatu bya Basketball byubatswe ku ishuri rya Saint Ignatius Kibagabaga.***

Ni igikorwa cyabaye Kuri uyu wa Gatandatu, tariki ya 2 Kanama 2025, ku munsi wa nyuma w'Iserukiramuco rya Giants Of Africa ryari rimaze Icyumweru ribera mu Rwanda ku nshuro ya kabiri.

Uyu muhango witabiriwe n'abandi barimo Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB), Jean-Guy Afrika, Umuyobozi wa NBA Africa, Clare Akamanzi, Perezida w'Ishyirahamwe rya Basketball, Mugwiza Désiré ndetse n'ubuyobozi bw'ishuri rya St Ignatius.

Minisitiri wa Siporo, Nelly Mukazayire, yasabye abanyeshuri bo muri St Ignatius n'urubyiruko rwo muri Kibagabaga kubyaza umusaruro aya mahirwe.

Ati: "Turashimira buri umwe wagize uruhare kugira ngo ibi bigerweho, by'umwihariko Masai na Kawhi. Twishimira cyane ko ibi ari ibikorwa n'Abanyafurika ubwabo."

Yakomeje agira ati: "Rubyiruko mwiyizere, ntugasuzugure imbaraga zikurimo aho waba uturuka hose. Muzakoreshe iki kibuga neza mukibyaze umusaruro kuko ni amahirwe yo kudapfusha ubusa."

Masai Ujiri yashimye Kawhi Leonard bakoranye kuri uyu mushinga ndetse yagaragaje ko na Perezida Kagame amushyigikira.

Ati: "Ndashimira cyane Kawhi twafatanyije. Twari kumwe twegukana NBA mu 2019. Iki ni igikorwa gikomeye cyane kuba tugeze ku kibuga cya 43. Rubyuriko, uru ni urugero rw'ibishoboka, mukomeze kugira inzozi zagutse."

Umuryango wa Giants of Africa umaze kubaka ibibuga 43 muri Afurika, aho intego ari ukubaka

ibibuga 100 mu bihugu binyuranye bya Afurika, 10 muri byo bikaba ari ibyo mu Rwanda.

Masai Ujiri w'imyaka 54 uvuka muri Nigeria, abinyujije mu mushinga we Giants of Africa (GOA), afasha abana bakiri bato bo muri Afurika gukura bakunda umukino wa Basketball.

Uyu mushinga wa GOA watangiye mu 2003 ukorera muri Nigeria gusa kugera mu 2014 ubwo Masai yafunguraga imipaka atangira kubikora no mu bindi bihugu bitandukanye bya Afurika birimo n'u Rwanda.




**Masai Ujiri yashimye Perezida Kagame umushyigikira mu bikorwa bigamije guteza imbere muri Afurika**